# 123: Yesu, ni Wowe musa

1.

Yesu, ni Wowe musa mbonyemo Amahoro nifuzaga. Najyaga nyashaka, sinyabone, Ngasuhuz' umutim' iteka.

Ref:

None, ni Yes' umpaza wenyine Nta n'irindi zina nemera, Kuk' ubugingo n'umunezero Bibonekera muri We.

2.

Nifuzag' uko nakwinezeza, Ntita ku Mukiza wanjye. Nkimwirengagiza ntamwitaho, Nukw’amfatish' urukundo rwe.

3.

Najyaga njya kw iriba ry'iyi si, Mfit' inyota nyinshi cyane, Naba ngiye kunyw' agakam' ubwo, Nuko nkayabura, nkiheba.

4.

Nuzuy ' agahinda n'ubwihebe,Mbuz' ibyo niringiraga; Maz' amaso yanjy' arahumuka, Ndakureba, Yesu, ndanyurwa

Visit us at indirimbo.com